

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 008/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA IMITERERE Y'AMASEZERANO YO KWITOZA N'AYO KWIMENYEREZA UMURIMO</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 008/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING THE NATURE OF APPRENTICESHIP AND INTERNSHIP CONTRACTS</p>	<p>ARRÊTE MINISTERIEL N° 008/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LA NATURE DES CONTRATS D'APPRENTISSAGE ET DE STAGE</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITION GÉNÉRALE</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: AMASEZERANO YO KWITOZA UMURIMO</u></p>	<p><u>CHAPTER II: APPRENTICESHIP CONTRACT</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: CONTRAT D'APPRENTISSAGE</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Imiterere y'amasezerano yo kwitoza umurimo</u></p>	<p><u>Article 2: Nature of apprenticeship contract</u></p>	<p><u>Article 2: Nature du contrat d'apprentissage</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Igihe amasezerano yo kwitoza umurimo amara</u></p>	<p><u>Article 3: Duration of apprenticeship contract</u></p>	<p><u>Article 3: Durée du contrat d'apprentissage</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Ibikubiye mu masezerano yo kwitoza umurimo</u></p>	<p><u>Article 4: Content of contract of apprenticeship</u></p>	<p><u>Article 4: Contenu du contrat d'apprentissage</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Ubumenyi bw'umurimo bw'utoza umurimo</u></p>	<p><u>Article 5: Professional skills of the apprenticeship instructor</u></p>	<p><u>Article 5: Compétences professionnelles du maître d'apprentissage</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Gutoza hashingiwe ku bushobozi bw'uwitoza umurimo</u></p>	<p><u>Article 6: Training based on the capacity of the apprentice</u></p>	<p><u>Article 6: Formation en fonction des capacités de l'apprenti</u></p>
<p><u>Ingingo ya 7: Ubufasha buhabwa uwitoza umurimo</u></p>	<p><u>Article 7: Assistance provided to the apprentice</u></p>	<p><u>Article 7: Assistance accordée à l'apprenti</u></p>

<u>Ingingo ya 8:</u> Inshingano z'uwitoza umurimo	<u>Article 8:</u> Obligations of the apprentice	<u>Article 8:</u> Obligations de l'apprenti
<u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano z'utoza umurimo	<u>Article 9:</u> Responsibilities of the instructor	<u>Article 9:</u> Attributions du maître d'apprentissage
<u>Ingingo ya 10:</u> Dosiye y'uwitoza umurimo	<u>Article 10:</u> Apprentice file	<u>Article 10:</u> Dossier de l'apprenti
<u>Ingingo ya 11:</u> Iseswa ry'amasezerano yo kwitoza umurimo	<u>Article 11:</u> Termination of apprenticeship contract	<u>Article 11:</u> Résiliation du contrat d'apprentissage
<u>Ingingo ya 12:</u> Irangira ry'amasezerano yo kwitoza umurimo	<u>Article 12:</u> Expiry of the apprenticeship contract	<u>Article 12:</u> Fin du contrat d'apprentissage
<u>UMUTWE WA III: AMASEZERANO YO KWIMENYEREZA UMURIMO</u>	<u>CHAPTER III: INTERNSHIP CONTRACT</u>	<u>CHAPITRE III: CONTRAT DE STAGE</u>
<u>Ingingo ya 13:</u> Amasezerano yo kwimenyereza umurimo	<u>Article 13:</u> Internship contract	<u>Article 13:</u> Contrat de stage
<u>Ingingo ya 14:</u> Igihe amasezerano yo kwimenyereza umurimo amara	<u>Article 14:</u> Duration of internship contract	<u>Article 14:</u> Durée du contrat de stage
<u>Ingingo ya 15:</u> Ibikubiye mu masezerano yo kwimenyereza umurimo	<u>Article 15:</u> Content of internship contract	<u>Article 15:</u> Contenu du contrat de stage
<u>Ingingo ya 16:</u> Inshingano z'uwimenyereza umurimo	<u>Article 16:</u> Obligations of the intern	<u>Article 16:</u> Obligations du stagiaire
<u>Ingingo ya 17:</u> Inshingano z'umukoresha	<u>Article 17:</u> Responsibilities of Employer	<u>Article 17:</u> Responsabilités de l'employeur
<u>Ingingo ya 18:</u> Ubufasha buhabwa uwimenyereza umurimo	<u>Article 17:</u> Assistance provided to the intern	<u>Article 18:</u> Assistance accordée au stagiaire

<p><u>Ingingo ya 19:</u> Irangira ry'amasezerano yo kwimenyereza umurimo</p> <p><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 20:</u> Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 19:</u> Expiry of the internship contract</p> <p><u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 20:</u> Repealing provision</p> <p><u>Article 21:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 19:</u> Fin du contrat de stage</p> <p><u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 20:</u> Disposition abrogatoire</p> <p><u>Article 21:</u> Entrée en vigueur</p>
--	---	---

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 008/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA IMITERERE Y'AMASEZERANO YO KWITOZA N'AYO KWIMENYEREZA UMURIMO</p> <p>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 37;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 03/Mifotra/11 ryo ku wa 07/03/2011 ryerekeye imiterere y'amasezerano yo kwitoza umurimo no kwimenyereza akazi mu kigo;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/01/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 008/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING THE NATURE OF APPRENTICESHIP AND INTERNSHIP CONTRACTS</p> <p>The Minister of Public Service and Labour;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda, especially in Article 37;</p> <p>Having reviewed Ministerial Order n° 03/Mifotra/11 of 07/03/2011 determining the nature and the form of the apprenticeship and internship contracts;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 28/01/2020;</p> <p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTE MINISTERIEL N° 008/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LA NATURE DES CONTRATS D'APPRENTISSAGE ET DE STAGE</p> <p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 37;</p> <p>Revu l'Arrêté Ministériel n° 03/Mifotra/11 du 07/03/2011 déterminant la nature et la forme des contrats d'apprentissage et de stage pratique en entreprise;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 28/01/2020;</p> <p>ARRÊTE:</p>
---	--	---

<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena imiterere y'amasezerano yo kwitoza n'ayo kwimenyereza umurimo.</p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines the nature of the apprenticeship and internship contracts.</p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITION GÉNÉRALE</u></p> <p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine la nature des contrats d'apprentissage et de stage.</p>
<p><u>UMUTWE WA II: AMASEZERANO YO KWITOZA UMURIMO</u></p> <p><u>Ingingo ya 2: Imiterere y'amasezerano yo kwitoza umurimo</u></p> <p>Amasezerano yo kwitoza umurimo ni amasezerano akorwa mu nyandiko hagati y'umuntu witoza umurimo n'umutoza w'umurimo.</p>	<p><u>CHAPTER II: APPRENTICESHIP CONTRACT</u></p> <p><u>Article 2: Nature of apprenticeship contract</u></p> <p>An apprenticeship contract is a contract concluded in writing between the apprentice and the apprenticeship instructor.</p>	<p><u>CHAPITRE II: CONTRAT D'APPRENTISSAGE</u></p> <p><u>Article 2: Nature du contrat d'apprentissage</u></p> <p>Un contrat d'apprentissage est un contrat conclu par écrit entre l'apprenti et le maître d'apprentissage.</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Igihe amasezerano yo kwitoza umurimo amara</u></p> <p>Igihe cy'amasezerano yo kwitoza umurimo gishyirwaho hakurikijwe imiterere y'umurimo. Icyakora, icyo gihe ntigishobora kurenza imyaka ine (4).</p>	<p><u>Article 3: Duration of apprenticeship contract</u></p> <p>The duration of apprenticeship contract is fixed depending on the nature of the profession. However, such duration cannot exceed four (4) years.</p>	<p><u>Article 3: Durée du contrat d'apprentissage</u></p> <p>La durée du contrat d'apprentissage est fixée selon la nature de la profession. Toutefois, cette durée ne peut pas dépasser quatre (4) ans.</p>
<p><u>Ingingo ya 4: Ibikubiye mu masezerano yo kwitoza umurimo</u></p> <p>Amasezerano yo kwitoza umurimo akubiyemo:</p> <p>1° umwirondoro w'uwitoza umurimo n'uw'aho atuye;</p>	<p><u>Article 4: Content of contract of apprenticeship</u></p> <p>Apprenticeship contract contains:</p> <p>1° identification of the apprentice and address of his or her place of domicile;</p>	<p><u>Article 4: Contenu du contrat d'apprentissage</u></p> <p>Le contrat d'apprentissage comporte:</p> <p>1° l'identification de l'apprenti et l'adresse du lieu de son domicile;</p>

<p>2° umwirondoro w'umutoza w'umurimo n'aho akorera;</p> <p>3° umwirondoro w'ababyeyi b'uwitoza umurimo cyangwa uw'uw'umwishingizi we, uw'umurera cyangwa uw'umufiteho ububasha bwa kibyezi;</p> <p>4° inshingano z'uwitoza umurimo n'iz'umutoza w'umurimo;</p> <p>5° igihe amasezerano amara;</p> <p>6° uburyo bw'iseswa ry'amasezerano;</p> <p>7° umurimo wigishwa uwitoza umurimo;</p> <p>8° uburyo bwo korohereza uwitoza umurimo, aho bishoboka;</p> <p>9° uburyo bwo gukemura impaka.</p>	<p>2° identification of the apprenticeship instructor and the place of business;</p> <p>3° identification of the apprentice's parents, or his or her guardian, foster parent or any other person exercising parental authority over the apprentice;</p> <p>4° obligations of both the apprentice and apprenticeship instructor;</p> <p>5° duration of the contract;</p> <p>6° procedures for termination of the contract;</p> <p>7° the profession under which the apprentice is trained;</p> <p>8° means of facilitating the apprentice, where applicable;</p> <p>9° procedures for dispute settlement.</p>	<p>2° l'identification du maître d'apprentissage et l'adresse de son entreprise;</p> <p>3° l'identification des parents de l'apprenti ou de son tuteur, ses parents d'accueil ou toute autre personne exerçant l'autorité parentale sur l'apprenti;</p> <p>4° les obligations de l'apprenti et celles du maître d'apprentissage;</p> <p>5° la durée du contrat;</p> <p>6° les procédures de résiliation du contrat;</p> <p>7° la profession initiée à l'apprenti;</p> <p>8° les moyens de faciliter l'apprenti, le cas échéant;</p> <p>9° les procédures de règlement des différends.</p>
<p><u>Ingingo ya 5: Ubumenyi bw'umurimo bw'utoza umurimo</u></p> <p>Utoza umurimo agomba kuba afite ubumenyi bujyanye n'ibyo uwitoza umurimo ashaka kwiga.</p>	<p><u>Article 5: Professional skills of the apprenticeship instructor</u></p> <p>The apprenticeship instructor must have professional skills related to what the apprentice wants to learn.</p>	<p><u>Article 5: Compétences professionnelles du maître d'apprentissage</u></p> <p>Le maître d'apprentissage doit avoir des compétences professionnelles relatives à la profession que l'apprenti veut apprendre.</p>

<p><u>Ingingo ya 6: Gutoza hashingiwe ku bushobozi bw'uwitoza umurimo</u></p> <p>Utoza umurimo atoza uwitoza umurimo akurikije ubushobozi bw'utozwa umurimo n'imirimo ihuye n'umurimo yitoza.</p>	<p><u>Article 6: Training based on the capacity of the apprentice</u></p> <p>The apprenticeship instructor trains the apprentice on the basis of the capacity of the latter and the works that comply with the profession he or she is learning.</p>	<p><u>Article 6: Formation en fonction des capacités de l'apprenti</u></p> <p>Le maître d'apprentissage forme l'apprenti en fonction des capacités de ce dernier et des travaux compatibles avec la profession qu'il apprend.</p>
<p><u>Ingingo ya 7: Ubufasha buhabwa uwitoza umurimo</u></p> <p>Utoza umurimo ashobora kugenera uwitoza umurimo uburyo bumworohera kwitoza umurimo, harimo ibijyanye n'amafunguro, ingendo cyangwa ikindi kintu gifasha uwitoza umurimo igihe cyo kwitoza.</p>	<p><u>Article 7: Assistance provided to the apprentice</u></p> <p>An apprenticeship instructor may provide the apprentice with any assistance, including meals, transport or any other benefit that facilitate the apprentice in the apprenticeship.</p>	<p><u>Article 7: Assistance accordée à l'apprenti</u></p> <p>Un maître d'apprentissage peut accorder à l'apprenti des moyens qui lui facilitent la poursuite de l'apprentissage, y compris le repas, le transport ou tout autre avantage qui facilite l'apprenti lors de l'apprentissage.</p>
<p><u>Ingingo ya 8: Inshingano z'uwitoza umurimo</u></p> <p>Uwitoza umurimo agomba:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° gukurikiza amabwiriza y'umutoza w'umurimo; 2° kuzuzanya inshingano yahawe n'umutoza umurimo; 3° gufata neza ibikoresho yahawe no kubishyirira umutoza mu gihe kwitoza umurimo birangiye; 4° kugira ibanga ry'akazi mu gihe cyo kwitoza na nyuma yo kwitoza umurimo. 	<p><u>Article 8: Obligations of the apprentice</u></p> <p>The apprentice must:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° comply with the instructions of the apprenticeship instructor; 2° fulfil the tasks assigned to him or her by the apprenticeship instructor; 3° maintain the equipment given to him or her and return it to the apprenticeship instructor at the end of the apprenticeship; 4° keep professional secrecy during and after apprenticeship. 	<p><u>Article 8: Obligations de l'apprenti</u></p> <p>L'apprenti doit:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° respecter les instructions du maître d'apprentissage; 2° remplir les tâches lui assignées par le maître d'apprentissage; 3° garder en bon état le matériel qui lui a été confié et le restituer au maître d'apprentissage à la fin de son apprentissage; 4° garder le secret professionnel pendant et après l'apprentissage.

<p><u>Ingingo ya 9: Inshingano z'utoza umurimo</u></p> <p>Utoza umurimo afite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° gutoza uwitoza umurimo kugira ngo abone ubumenyi bujyanye n'umwuga yasabye gutozwa mu masezerano yo kwitoza umurimo; 2° kugenzura no gukurikirana uwimenyereza umurimo mu gihe cyo kwimenyereza umurimo; 3° gushyiraho uburyo butuma uwitoza umurimo amenya gukora; 4° gusuzuma imikorere y'uwitoza umurimo; 5° guha uwitoza umurimo icyemezo kigaragaza ko yarangije kwitoza umurimo. 	<p><u>Article 9: Responsibilities of the instructor</u></p> <p>The instructor has the following responsibilities:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° to train an apprentice in order to allow him or her to acquire professional skills which is the object of the apprenticeship contract; 2° to supervise and monitor the apprentice during apprenticeship period; 3° to create a conducive learning environment that enhances the know-how of the apprentice; 4° to evaluate apprentice's performance; 5° issue an apprenticeship certificate to the apprentice showing that he or she completed apprenticeship. 	<p><u>Article 9: Attributions du maître d'apprentissage</u></p> <p>Le maître d'apprentissage a des attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° former l'apprenti pour lui permettre d'acquérir des compétences professionnelles faisant objet du contrat d'apprentissage; 2° superviser et surveiller l'apprenti pendant la période d'apprentissage; 3° créer un environnement de stage propice valorisant le savoir-faire de l'apprenti; 4° évaluer les performances du stagiaire; 5° délivrer un certificat d'apprentissage à un apprenti attestant qu'il a terminé l'apprentissage.
<p><u>Ingingo ya 10: Dosiye y'uwitoza umurimo</u></p> <p>Utoza umurimo agomba gushyiraho uwitoza umurimo dosiye igaragaza uko atera imbere mu nyigisho ahabwa.</p>	<p><u>Article 10: Apprentice file</u></p> <p>The apprenticeship instructor must open a file for an apprentice indicating how the apprentice is progressing in his or her training.</p>	<p><u>Article 10: Dossier de l'apprenti</u></p> <p>Le maître d'apprentissage doit ouvrir pour un apprenti un dossier d'apprentissage qui indique ses progrès dans sa formation.</p>

<p>Uwitoza umurimo yemerewe kureba idosiye ye nta kiguzi.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Iseswa ry'amasezerano yo kwitoza umurimo</u></p> <p>Amasezerano yo kwitoza umurimo ashobora guseswa iyo:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° impande zombi zumvikanye ku iseswa ryayo; 2° umwe mu bayagiranye apfuye; 3° ikigo gifunzwe. <p>Utoza umurimo cyangwa uwutozwa ashobora gusesa mu nyandiko amasezerano yo gutoza umurimo kubera impamvu zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° utoza cyangwa utozwa umurimo ahamagariwe imirimo yo gukorera Igihugu mu bwitange; 2° impamvu zidasanzwe zidaturutse kuri umwe muri bo; 3° uruhande rumwe rutubahirije ibikubiye mu masezerano; 4° imyifatire mibi ya rumwe mu mpande zagiranye amasezerano; 	<p>An apprentice is authorised to have access to the file free of charge.</p> <p><u>Article 11: Termination of apprenticeship contract</u></p> <p>An apprenticeship contract may be terminated if:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° both parties agree to terminate it; 2° one of the parties dies; 3° the enterprise is closed. <p>An apprenticeship instructor or an apprentice may terminate in writing an apprenticeship contract in the following cases:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° call of the apprenticeship instructor or the apprentice to the national service; 2° circumstances beyond control of either party; 3° non-respect of terms of apprenticeship contract by either party; 4° misconduct of either party to the contract; 	<p>Un apprenti est autorisé à avoir accès à son dossier gratuitement.</p> <p><u>Article 11: Résiliation du contrat d'apprentissage</u></p> <p>Un contrat d'apprentissage peut être résilié si:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° les deux parties conviennent de le résilier; 2° l'une des parties meurt; 3° l'entreprise est fermée. <p>Un maître d'apprentissage ou un apprenti peut résilier par écrit le contrat d'apprentissage dans les cas suivants:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° appel du maître d'apprentissage ou de l'apprenti au service national; 2° circonstances indépendantes de la volonté de l'une ou l'autre des parties; 3° violation des clauses du contrat d'apprentissage par l'une ou l'autre des parties; 4° la mauvaise conduite de l'une ou l'autre des parties au contrat;
--	---	---

<p>5° iyo, kubera impamvu z'uburwayi, bigaragajwe n'umuganga wemewe na Leta ko utozwa umurimo atakomeza gutozwa.</p> <p>Uruhande rushaka gusesa amasezerano yo kwitoza umurimo rugomba kugaragaza neza impamvu z'iseswa ry'amasezerano, kandi aho bishoboka, rukomeka inyandiko za ngombwa ku busabe bwo gusesa amasezerano.</p> <p>Uruhande rushaka gusesa amasezerano yo kwitoza umurimo rushobora kubikora mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uherye igihe impamvu imwe mu zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo yagaragariye.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Irangira ry'amasezerano yo kwitoza umurimo</u></p> <p>Amasezerano yo kwitoza umurimo arangira iyo igihe cyayo cyateganyijwe kirangiye. icyakora, bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 3 y'iri teka, amasezerano yo kwitoza umurimo ashobora kongererwa igihe ku bwumvikane bw'impande zombi.</p> <p><u>UMUTWE WA III: AMASEZERANO YO KWIMENYEREZA UMURIMO</u></p> <p><u>Ingingo ya 13: Amasezerano yo kwimenyereza umurimo</u></p> <p>Amasezerano yo kwimenyereza umurimo akorwa mu nyandiko.</p>	<p>5° if the apprentice is unfit for apprenticeship due to health reasons established by a recognised medical doctor.</p> <p>Any party who wants to terminate the apprenticeship contract precisely states reasons for the termination, and where applicable, attaches relevant documents on the request for termination of the contract.</p> <p>Any party who wants to terminate the apprenticeship contract may do it within a period of fifteen working (15) days from the occurrence of one of reasons provided for in Paragraph One of this Article.</p> <p><u>Article 12: Expiry of the apprenticeship contract</u></p> <p>An apprenticeship contract comes to an end at the expiry of its duration. However, without prejudice to provisions of Article 3 of this Order, the apprenticeship contract may be renewed on mutual agreement of both parties.</p> <p><u>CHAPTER III: INTERNSHIP CONTRACT</u></p> <p><u>Article 13: Internship contract</u></p> <p>The internship contract is concluded in writing.</p>	<p>5° si l'apprenti est inapte à l'apprentissage suite à des raisons de santé attestées par un médecin agréé.</p> <p>Toute partie qui veut résilier le contrat d'apprentissage indique avec précision des raisons de cette résiliation et, le cas échéant, attache les documents pertinents à la demande de résiliation du contrat.</p> <p>Toute partie qui veut résilier le contrat d'apprentissage peut le faire dans un délai de quinze (15) jours, dès la survenance de l'un des motifs prévus à l'alinéa premier du présent article.</p> <p><u>Article 12: Fin du contrat d'apprentissage</u></p> <p>Le contrat d'apprentissage prend fin à l'expiration de sa durée. Toutefois, sans préjudice des dispositions de l'article 3 du présent arrêté, le contrat d'apprentissage peut être renouvelé, sur accord mutuel de deux (2) parties.</p> <p><u>CHAPITRE III: CONTRAT DE STAGE</u></p> <p><u>Article 13: Contrat de stage</u></p> <p>Le contrat de stage est fait par écrit.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 14: Igihe amasezerano yo kwimenyereza umurimo amara</u></p> <p>Amasezerano yo kwimenyereza umurimo ntashobora kurenza amezi cumi n’abiri (12).</p>	<p><u>Article 14: Duration of internship contract</u></p> <p>The duration of internship contract cannot exceed twelve (12) months.</p>	<p><u>Article 14: Durée du contrat de stage</u></p> <p>La durée du contrat de stage ne peut pas dépasser douze (12) mois.</p>
<p><u>Ingingo ya 15: Ibikubiye mu masezerano yo kwimenyereza umurimo</u></p> <p>Ibikubiye mu masezerano yo kwimenyereza umurimo ni bimwe n’ibikubiye mu masezerano yo kwitoza umurimo bivugwa mu ngingo ya 4 y’iri teka.</p>	<p><u>Article 15: Content of internship contract</u></p> <p>The content of internship contract is the same as the content of apprenticeship contract provided for in Article 4 of this Order.</p>	<p><u>Article 15: Contenu du contrat de stage</u></p> <p>Le contenu du contrat de stage est le même que le contenu du contrat d’apprentissage visé à l’article 4 du présent arrêté.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Inshingano z’uwimenyereza umurimo</u></p> <p>Uwimenyereza umurimo afite inshingano zimwe nk’izivugwa mu ngingo ya 8 y’iri teka.</p>	<p><u>Article 16: Obligations of the intern</u></p> <p>The intern has the same obligations as those provided for in Article 8 of this Order.</p>	<p><u>Article 16: Obligations du stagiaire</u></p> <p>Le stagiaire a les mêmes obligations que celles prévues à l’article 8 du présent arrêté.</p>
<p><u>Ingingo ya 17: Inshingano z’umukoresha</u></p> <p>Umukoresha afite inshingano zikurikira ku wimenyereza umurimo:</p> <p>1° kwigisha uwimenyereza umurimo kugira ngo agire ubumenyi kandi ashyire mu bikorwa ibyo yize mu ishuri;</p> <p>2° kugenzura no gukurikirana uwimenyereza umurimo mu gihe cyo kwimenyereza umurimo;</p>	<p><u>Article 17: Responsibilities of Employer</u></p> <p>Employer has the following responsibilities to an intern:</p> <p>1° to coach an intern in order to acquire work experience and apply skills acquired through formal education;</p> <p>2° to supervise and monitor an intern during his or her internship period;</p>	<p><u>Article 17: Responsabilités de l’employeur</u></p> <p>L’employeur a des attributions suivantes envers le stagiaire:</p> <p>1° encadrer le stagiaire afin de le permettre d’acquérir une expérience de travail et d’appliquer les compétences acquises par l’éducation formelle;</p> <p>2° superviser et surveiller le stagiaire pendant la période de stage;</p>

<p>3° gushyiraho uburyo butuma uwimenyereza umurimo amenya gukora;</p> <p>4° gusuzuma imikorere y'uwimenyereza umurimo.</p>	<p>3° to create a conducive learning environment that enhances the know-how;</p> <p>4° to evaluate the intern's performance;</p>	<p>3° créer un environnement de stage propice valorisant le savoir-faire;</p> <p>4° évaluer les performances du stagiaire.</p>
<p><u>Ingingo ya 18: Ubufasha buhabwa uwimenyereza umurimo</u></p> <p>Uwimenyereza umurimo ahabwa umuyobora mu gihe cyo kwimenyereza umurimo.</p> <p>Uwimenyereza umurimo ashobora guhabwa uburyo bumworoheza kwimenyereza umurimo yumvikanyeho n'umumenyereza umurimo busa n'ubuhabwa uwitoza umurimo buvugwa mu ngingo ya 7 y'iri teka.</p>	<p><u>Article 18: Assistance provided to the intern</u></p> <p>The intern is given a supervisor during the internship period.</p> <p>The intern may benefit from an internship facilitation agreed upon with his or her hosting enterprise similar to the facilitation provided to the apprentice specified in Article 7 of this Order.</p>	<p><u>Article 18: Assistance accordée au stagiaire</u></p> <p>Le stagiaire est doté d'un superviseur pendant la période de stage.</p> <p>Le stagiaire peut bénéficier des moyens de facilitation en stage convenus avec son entreprise d'accueil, similaires à ceux accordés à l'apprenti prévus à l'article 7 du présent arrêté.</p>
<p><u>Ingingo ya 19: Irangira ry'amasezerano yo kwimenyereza umurimo</u></p> <p>Amasezerano yo kwimenyereza umurimo arangira iyo:</p> <p>1° igihe kivugwa mu ngingo ya 14 y'iri teka kirangiye;</p> <p>2° uwimenyereza umurimo ubwe ahagaritse amasezerano;</p> <p>3° impande zombi zagiranye amasezerano ziyahagaritse;</p> <p>4° umwe mu bayagiranye apfuye;</p>	<p><u>Article 19: Expiry of the internship contract</u></p> <p>The internship contract comes to an end if:</p> <p>1° the duration provided for in Article 14 of this Order expires;</p> <p>2° the intern unilaterally terminates the internship contract;</p> <p>3° both parties agree to terminate the internship;</p> <p>4° one of the parties dies;</p>	<p><u>Article 19: Fin du contrat de stage</u></p> <p>Le contrat de stage prend fin si:</p> <p>1° le délai prévu à l'article 14 du présent arrêté s'expire;</p> <p>2° le stagiaire met fin unilatéralement au contrat de stage;</p> <p>3° les deux (2) parties sont convenues à mettre fin au stage;</p> <p>4° l'une des parties décède;</p>

<p>5° ikigo uwimenyereza umurimo akoreramo kiguye mu gihombo cyangwa gisheshwe;</p> <p>6° umuyobozi w'uwimenyereza umurimo abona ko uwimenyereza umurimo atubahiriza amabwiriza y'umenyereza umurimo.</p> <p><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></p> <p>Iteka rya Minisitiri n° 03/Mifotra/11 ryo ku wa 07/03/2011 ryerekeye imiterere y'amasezerano yo kwitoza umurimo no kwimenyereza akazi mu kigo n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>5° there is bankruptcy or dissolution of the enterprise in which the internship is conducted;</p> <p>6° the supervisor establishes that the intern does not comply with rules of the hosting enterprise.</p> <p><u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 20: Repealing provision</u></p> <p>Ministerial Order n° 03/Mifotra/11 of 07/03/2011 determining the nature and the form of the apprenticeship and internship contracts and all prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 21: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>5° il y a faillite ou dissolution de l'entreprise au sein de laquelle le stagiaire effectue le stage;</p> <p>6° le superviseur constate que le stagiaire ne respecte pas les règles de l'entreprise d'accueil.</p> <p><u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 20: Disposition abrogatoire</u></p> <p>L'Arrêté Ministériel n° 03/Mifotra/11 du 07/03/2011 déterminant la nature et la forme des contrats d'apprentissage et de stage pratique en entreprise ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.</p> <p><u>Article 21: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	--	--

<p>Kigali, ku wa 17/03/2020</p> <p>(sé) RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo</p>	<p>Kigali, on 17/03/2020</p> <p>(sé) RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minister of Public Service and Labour</p>	<p>Kigali, le 17/03/2020</p> <p>(sé) RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Ministre de la Fonction Publique et du Travail</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>(sé) BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>(sé) BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>(sé) BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>